



Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

2022 Taliki 01-07 Nyakanga



P6. Cycling: Manizabayo Eric yegukanye shampiyona ya 2022

Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

Ibirimo

- P1 **Birmingham 2022:** CGA Rwanda (Commonwealth Games Association Rwanda) yatangiye imyiteguro ya nyuma y'imikino ya Commonwealth 2022
- P2 **Handball:** Gicumbi HBT na Police HBC zigiye guhatanira igikombe cya shampiyona
- P3 **Basketball:** Ikipe y'u Rwanda ntiyakomeje mu cyiciro cya nyuma mu gushaka itike y'igikombe cy'Isi
- P4 **Netball:** Hatangijwe ku mugaragararwa ibikorwa by'Isyirahamwe ry'umukino wa Netball mu Rwanda
- P5 **Duathlon:** Hakizimana na Mutimukeye begukanye irushanwa ryo Kwibohora ryabereye i Huye
- P5 **Cricket:** Mu Karere ka Nyabihu hatangijwe ikipe nshya
- P6 **Cycling:** Manizabayo Eric yegukanye shampiyona ya 2022

Kuva taliki 01 Nyakanga 2022, abakinnyi bazahagararira u Rwanda mu mikino ihuza ibihugu biri mu muryango w'ibihugu bikoresha ururimi rw'icyongereza batangiye umwiherezo wa nyuma mbere y'uko bazahaguruka mu Rwanda taliki 23 Nyakanga 2022, bitabira ayo marushanwa mpuzamahanga azabera mu Bwongereza mu muji wa Birmingham kuva taliki 28 Nyakanga kugeza taliki 08 Kanama 2022.

U Rwanda rukazahagararirwa mu mikino 4 ari yo Athletics, Swimming, Cycling na Beach Volleyball mu bagabo.

Urutonde rw'abakinnyi bazavamo abazitabira imikino ya Commonwealth:

Athletics

1. NIMUBONA Yves
2. IRANZI Celine
3. UWITONZE Claire
4. IMANIZABAYO Emeline

Coach: KANYABUGOYI Anicet

Cycling

1. MUHOZA Eric
2. UHIRIWE BYIZA Renus
3. MUGISHA Samuel
4. MANIZABAYO Eric
5. MUGISHA Moise
6. TUYIZERE Etienne
7. NGABIRE Diane
8. TUYISHIMIRE Jacqueline
9. MUKASHEMA Josiane

Coach: SEMPOMA Felix

Mechanic: MANIRIHO Eric

Masseur: RUVOGERA Obed

Beach Volleyball

1. GATSINZI Venuste
2. HABANZINTWARI Fils
3. NTAGENGWA Olivier
4. KANAMUGIRE Prince
5. MUGISHA Emmanuel
6. NZIRIMO Mandela

Coach: MUDAHINYUKA Christophe

Swimming

1. IMANIRAGUHA Eloi
2. IRANKUNDA Isiaka

Coach: RUKUNDO Patrick

Abayoboye ikipe (Management Team):

- Chef de Mission: MUGISHA Jean Jacques
- Team Manager: IJIMBERE Naickey
- Administrative Personnel: UMUTONI Salama
- Doctor: NSHIMIYIMANA Protogène
- Physiotherapist: UWAYEZU Sandrine
- Press Attaché: MUKESHIMANA Assumpta



Mu mpera z'icyumweru gishize taliki 01 kugeza 03 Nyakanga 2022 habaye imikino isoza shampiyona ya Handball "Playoffs 2022" mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri mu bagabo.

Mu cyiciro cya mbere, ikipe ya Gicumbi HBT na Police HBC ni zo zizakina imikino ya nyuma aho ikipe izatsinda imikino 2 muri 3 izahita yegukana igikombe cya shampiyona yaherukaga kuba muri 2019.

Shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo "Handball Men's National League 2022" yatangiye muri Mata 2022 aho amakipe 10 yagabanyijwe mu bice bibiri "League A na B".

Muri "League A" nyuma yo gukina umukino ubanza n'uwu kwishyura, Police HBC yasoje iyoboye urutonde ikurikirwa na ES Kigoma, UR Huye, College St Martin Hanika na Munyove HC.

Muri "League B", Gicumbi HBT yasoje ari iya mbere ikurikirwa na APR HBC, ADEGI, Nyakabanda HC na UR Rukara.

Amakipe 3 ya mbere muri buri "League" yahise akomeza mu mikino ya kamarampaka "Playoffs" aho buri kipe yo muri "League A" yagombaga gukina n'iyoye muri "League B".

Ikipe ya Police HBC ifite igikombe cya shampiyona gihuruka muri 2019 yatsinze ADEGI ibitego 40 kuri 28 inatsinda ikipe ya APR HBC ibitego 37 kuri 28 nyuma itsindwa na Gicumbi HBT ibitego 34 kuri 26.

Ku ruhanda rw'ikipe ya Gicumbi HBT yari iyoboye urutonde muri "League B" yitwaye neza itsinda UR Huye ibitego 33 kuri 26, itsinda ES Kigoma ibitego 34 kuri 23 inatsinda Police HBC ibitego 34 kuri 26.

Ikipe ya APR HBC yari isanzwe ihanganira ibikombe muri iyi mikino nta bwo yitwaye neza kuko yatsinzwe na UR Huye ibitego 29



Ubwo ikipe ya Gicumbi HBT yakigana na Police HBC

kuri 27, itsindwa na Police HBC ibitego 37 kuri 28 inatsindwa na ES Kigoma ibitego 33 kuri 25.

Amakipe abiri ya nyuma muri buri "League" yarahuye hagati yayo kugira ngo hamenyekane azamanuka mu cyiciro cya kabiri. Mu mikino yabaye Nyakabanda yatsinze Munyove ibitego 20-0, itsinda College St Martin Hanika ibitego 35 kuri 31 inatsinda UR Rukara ibitego 34 kuri 28.

Ikipe ya College St Martin Hanika yatsinze Munyove ibitego 20-0 inanganya na UR Rukara ibitego 22-22 naho UR Rukara itsinda Munyove ibitego 20-0.

Nyuma y'iyi mikino ya "Playoffs" hakoze urutonde aho Gicumbi HBT iyoboye ikurikiwe na Police HBC, ES Kigoma (3), UR Huye (4), ADEGI (5), APR HBC (6), Nyakabanda HC (7), College St Martin Hanika (8), UR Rukara (9) na Munyove HC (10).

Biteganyijwe ko ikipe ya Gicumbi HBT izakina na Police HBC zizatangurana gutsinda imikino 2 muri 3, izatsinda imikino ibiri ikegukana igikombe cya shampiyona.

Umukino wa mbere uzakinirwa i Gicumbi ku cyumweru taliki 10 Nyakanga 2022. Ikipe ya UR Rukara na Munyove HC zikaba zaramanutse mu cyiciro cya kabiri.

UR Nyarugenge na Vision JN zazamutse mu cyiciro cya mbere

Mu cyiciro cya kabiri mu bagabo naho hitabiriye amakipe 11 agabanywa mu bice bibiri "League A na B".

Muri "League A" harimo UR Nyarugenge, UR Gikondo, UR Rusizi, Vision JN, UR Remera na UR Busogo aho muri "League B" harimo Gorillas HC, UR Rwamagana, TVET Mutenderi, UR Nyagatare na GS St Aloys.

Nyuma y'imikino ya "Playoffs", ikipe ya UR Nyarugenge na Vision JN y'i Rubavu ni zo zazamutse mu cyiciro cya mbere.

Twabibutsa ko biteganyijwe ko u Rwanda ruzakira irushanwa rya Handball ry'igikombe cya Afurika cy'abari muni y'imyaka 18 na 20 kuva taliki 18 Kanama kugeza taliki 06 Nzeri 2022.

Ikiye y'u Rwanda mu mukino wa Basketball nta bwo yashoboye kuza mu makipe 12 yakomeje mu cyiciro cya nyuma cy'imikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi mu bagabo "2023 FIBA Basketball World Cup, African Qualification".

Mu Gushyirirye 2021 ni bwo hatangiye imikino yo gushaka amakipe 5 azahagararira umugabane w'Afurika mu gikombe cy'Isi "FIBA Basketball World Cup 2023".

Amakipe 16 yashyizwe mu matsinda 4 aho itsinda A ryari rigizwe na Cap Vert, Nigeria, Uganda na Mali. Itsinda B ryari rigizwe na Cameroun, Rwanda, Tunisia na South Sudan. Itsinda C ryari rigizwe na Cote d'Ivoire, Angola, Guinea na Central African Republic naho itsinda D rigizwe na Misiri, RDC, Senegal na Kenya.

Nyuma y'imikino ibanza, taliki 01 kugeza 03 Nyakanga 2022 hakinwe imikino yo kwishyura mu matsinda yose kugira ngo hamenyekane amakipe akomeza mu cyiciro cya nyuma cyo gushaka itike.

Imikino yo mu itsinda A na B yabereye mu Rwanda muri BK Arena.

Mu itsinda A, ikipe ya Mali yari yasoje imikino ibanza iri ku mwanya wa kabiri yatewe mpaga imikino ibiri ihita ikurwa mu irushanwa. Ibi byatumye haba imikino 3 gusa.

Mu mikino yabaye, ikipe ya Cap Vert yatsinze Nigeria amanota 79 kuri 70 inatsinda Uganda amanota 87 kuri 78. Ikiye ya Nigeria yatsinze Uganda amanota 91 kuri 72.

Aha amakipe 3, Cap Vert, Nigeria na Uganda yahise abona itike yo kuzakina imikino y'icyiciro cya nyuma cyo gushaka itike.

Mu itsinda B, ikipe y'u Rwanda nyuma yo gutsindwa imikino yose ibanza muri iyi mikino yo kwishyura yatsinze umukino umwe wa Cameroun ku manota 59 kuri 52 itsindwa na South Sudan amanota 73 kuri 63 inatsindwa na Tunisia amanota 76 kuri 66.



Ikiye y'u Rwanda ikina na Tunisia

Mu yindi mikino yabaye muri iri tsinda B, Tunisia yatsinze Cameroun amanota 65 kuri 54. Ikiye ya South Sudan nyuma yo gutsinda u Rwanda yatsinze Tunisia amanota 75 kuri 61 inatsinda Cameroun amanota 67 kuri 55.

Ikiye ya South Sudan yasoje imikino yose 6 idatsinzwe n'amanota 12 ikurikirwa na Tunisia n'amanota 10 naho ku mwanya wa 3 haza Cameroun n'amanota 7 yanganyije n'ikiye y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa nyuma wa 4.

Ikiye ya South Sudan, Tunisia na Cameroun ni zo zahise zikomeza mu cyiciro cya nyuma cyo gushaka itike y'igikombe cy'Isi.

Uko imikino yagenze mu yandi matsinda

Mu itsinda C, imikino yo kwishyura yabereye i Abidjan muri Cote d'Ivoire aho ikipe ya Cote d'Ivoire yitwaye neza itsinda Angola amanota 75 kuri 73, itsinda Central African Republic amanota 73 kuri 63 inatsinda Guinea amanota 65 kuri 56.

Mu mikino yindi yabaye, Central African Republic yatsinze Guinea amanota 61 kuri 56, Angola itsinda Guinea amanota 85 kuri 65 inatsinda Central African Republic amanota 76 kuri 60.

Ikiye ya Cote d'Ivoire yazamutse iyoboye itsinda n'amanota 12, ikurikiwe na Angola n'amanota 10

naho ku mwanya wa 3 haza Guinea n'amanota 7, ikipe ya Central African Republic isoreza ku mwanya wa nyuma n'amanota 7.

Mu itsinda D, imikino yo kwishyura yabereye Alexandria mu Misiri, ikipe y'igihugu ya Misiri yitwaye neza itsinda imikino yose aho yatsinze RDC amanota 80 kuri 52, itsinda Senegal amanota 76 kuri 43 inatsinda Kenya amanota 72 kuri 39.

Mu yindi mikino yabaye, RDC yataye mpaga ikipe ya Kenya (20-0), RDC yatsinze kandi Senegal amanota 72 kuri 60 naho Senegal itsinda Kenya amanota 86 kuri 54.

Ikiye ya Misiri yazamutse iyoboye itsinda n'amanota 11 ikurikiwe na RDC n'amanota 10, Senegal ku mwanya wa 3 n'amanota 9 naho Kenya isoreza ku mwanya wa nyuma n'amanota 4.

Nyuma y'iyi mikino yo mu matsinda, amakipe 12 yakomeje na yo yashyizwe mu matsinda abiri. Itsinda E rigizwe na Cote d'Ivoire, Angola, Cap Vert, Guinea, Nigeria na Uganda. Itsinda F ryo rigizwe n'ikiye ya South Sudan, Misiri, Tunisia, RDC, Senegal na Cameroun.

Gahunda y'imikino y'icyiciro cya nyuma

Mu itsinda E, amakipe yari mu tsinda A ari kumwe n'ayari mu itsinda C. Amakipe azahura hagati yayo gusa nta kipe izahura n'iyi zari mu itsinda rimwe hanyuma habarwe amanota.

Ibi ni ko bizagenda mu itsinda F rurimo amakipe yo mu itsinda B na D. Imikino ibanza izaba taliki 26 kugeza 27 Kanama 2022 naho iyo kwishyura ibe taliki 24 kugeza 26 Gashyantare 2023.

Muri buri tsinda amakipe 2 ya mbere azabona itike hiyongereho n'ikiye imwe ya gatatu mu matsinda yombi yitwaye neza abe amakipe 5 azahagararira Afurika mu mikino ya nyuma y'igikombe cy'Isi "FIBA Basketball World Cup 2023" izabera muri Indonesia, Japan na Philippines taliki 25 Kanama kugeza 10 Nzeri 2023 aho izitabirwa n'amakipe 32.



Mu Karere ka Musanze, muri ES St Vincent Muhoza hatangirijwe ku mugaragaro ibikorwa by'Ishyirahamwe ry'umukino wa Netball mu Rwanda "Rwanda Netball Organization (RNO)".

Uyu muhango wabaye taliki 01 Nyakanga 2022 waranzwe n'ibikorwa bitandukanye birimo imikino ibiri yahuje ibigo by'amashuri. Mu cyiciro cy'amashuri abanza, EP Susa (Musanze) yatsinze Ecole Etoile Rubengera (Karongi) ibitego 21 kuri 6.

Mu cyiciro cy'amashuri makuru, GS St Aloys Rwamagana yatsinze GS Musanze I ibitego 20 kuri 14.

Ishyirahamwe ry'umukino wa Netball mu Rwanda "RNO" mu Gushyngiro 2021 ni bwo ryabonye ubuzimagatozi naho muri Werurwe 2022 ryakirwa nk'umunyamuryango mushya wa Komite Olempike y'u Rwanda.

Perezida wa RNO, Hon. Teddy Gacinya nyuma yo gutangiza ku mugaragaro ibikorwa bya RNA yatangaje ko uyu mukino wari usanzwe ukinwa mu bigo by'amashuri amwe n'amwe ariko ubu bifuzwa ko ukwira mu gihugu hose.

Yakomeje avuga ko ubusanzwe wakinwaga n'abagore ariko ubu watangiye gukinwa no mu cyiciro cy'abagabo.

Hon.Teddy Gacinya avuga ko ubu bagiye gutangira ubukangurambaga kugira ngo abantu benshi bamenye kandi banakunde uyu mukino ndetse hanashingwe n'andi makipe atari ay'ibigo by'amashuri. Kuri ubu RNO ifite abanyamuryago barenga 30.

Ati: "Tugiye gushaka uko twongera umubare w'abatoza ndetse n'abasifuzi bityo umukino ukomeze utere imbere."



Hon.Teddy Gacinya, Perezida w'Ishyirahamwe ry'umukino wa Netball mu Rwanda

Ku bijyanye n'amikoro, Perezida wa RNA yatangaje ko kugeza ubu barimo kwishakamo ubushobozi ariko bafite gahunda yo kwamamaza uyu mukino kuko hari benshi bawukinnye kandi bawukunda ku buryo bizeye ko bazabona inkunga.

Umukino wa Netball wakinwe bwa mbere mu Bwongereza mu 1895.

Uyu mukino wakomeje gukwirakwira ku Isi by'umwihariko mu bihugu bikoresha ururimi rw'icyongereza.

Mu Rwanda uyu mukino watangiye gukinwa mu mashuri hagati ya 2007 na 2008.

Netball ikinirwa ku kibuga gifite metero 30 z'uburebure na 15 z'ubugari.

Mu kibuga hajyamo abakinnyi 7 ku ruhande rumwe gusa ikipe iba ifite n'abakinnyi 5 b'abasimbura.

Uyu mukino wa Netball uba ufite abasifuzi byibura 6 barimo abasifuzi babiri, umwungiriza, abandika ibitego ndetse n'abacunga igihe.

Umukino wa Netball ukinwa mu duce tune aho buri gace kagizwe n'iminota 15.

Duathlon: Hakizimana na Mutimukeye begukanye irushanwa ryo Kwibohora ryabereye i Huye

Ku Cyumweru taliki ya 03 Kamena 2022, mbere y'uko u Rwanda rwizihiza ku nshuro ya 28 umunsi wo Kwibohora, Ishyirahamwe ry'umukino wa Triathlon mu Rwanda "RTF" ryifatanyije n'Akarere ka Huye bateguye iruhanwa ryo Kwibohora "Huye Duathlon Liberation Challenge 2022".

Iri rushanwa ni rimwe mu marushanwa aba ku ngengabihe ya RTF rikaba ryarakinwe nyuma y'iryabereye mu Karere ka Karongi ari naryo ryari ryafunguye umwaka w'amarushanwa ategurwa na RTF.

Abakinnyi baturutse mu makipe anyuranye arimo Karongi Sports Center na CBS bari mu bari bahanzwe amaso, muri iri rushanwa. Ibyiciro byose uko ari bitatu (Abagore, Abagabo n'abafite ubumuga) basiganwe intera yakilometero 5 n'amaguru, 20 ku igare ndetse banasoza bakora kilometero 2,5 ku maguru.

Nyuma yo gukora iyi ntera muri buri cyiciro, mu bagabo irushanwa ryegukanwe na Hakizimana Felicien wakoresheje isaha 1, iminota 19 n'amasegonda 37. Yakurikiwe na Tuyisenge Samuel ukinira ikipe ya Karongi wakoresheje isaha 1, iminota 21 n'amasegonda 35 naho ku mwaya wa gatatu haza Ngendahayo Damien wakoresheje isaha 1, iminota 23 n'amasegonda 7.

Mu bagore, Mutimukeye Saidati yegukanye isiganwa aho yakoresheje isaha 1, iminota 45 n'amasegonda 30. Yakurikiwe na Nizeye Valentine wakoresheje isaha 1, iminota 56 n'amasegonda 20 naho ku mwanza wa 3 haza Uwitonze Francine wakoresheje amasaha 2, iminota 02 n'amasegonda 09.

Mu kiciro cy'abafite ubumuga, Rukundo Augustin wo mu Karere ka Huye, ni we wegukanye iri rushanwa akoresheje isaha 1, iminota 39 n'amasegonda 39.



Cricket: Mu Karere ka Nyabihu hatangijwe ikipe nshya

Muri gahunda yo kumenyekanisha no gukwirakwiza hirya no hino umukino wa Cricket mu gihugu, Ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ku bufanye n'Akarere ka Nyabihu hatangijwe ikipe nshya, igikorwa cyabereye ku kibuga cya GS Rambura "Rambura Sports Ground" taliki 02 Nyakanga 2022.

Iki gikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu wungirije ushinze Ubukungu, Habanabakize Jean Claude ari kumwe n'Umuyobozi wungirije ushinze imibereho myiza, Simpenzwe Pascal.

Hari kandi Umuyobozi mukuru w'uruganda rw'icyayi rwa Nyabihu, Thushara Pinidiya, Umuyobozi mukuru w'uruganda rw'icyayi rwa Sorwathe ruherereye mu Karere ka Rulindo, Rohith Peiris, Umuyobozi ushinze ibikorwa muri RCA, Byiringiro Emmanuel, abayobozi bahagarariye ibigo by'amashuri abanza n'ayisumbuye byo mu Karere ka Nyabihu, ababyeyi b'abana n'abahagarariye inzego z'umutekano.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu wungirije ushinze Ubukungu, Habanabakize Jean Claude yishimiye iki gikorwa anavuga ko bagiye gukora ibishoboka byose kugira ngo uyu mukino uzabe intangarugero mu Karere ka Nyabihu. Yakomeje avuga ko biteguye gutanga inkunga ishoboka kugira ngo uyu mukino uzagirire umumaro abawukina.

Byiringiro Emmanuel, Umuyobozi ushinze ibikorwa muri RCA yemereye inkunga y'ibikoresho aka Karere anavuga ko abatoza bigisha uyu mukino bazagenerwa amahugurwa kugira ngo bakomeze gufasha aba bana babaha ubumenyi bw'ibanze ku mukino wa Cricket.

Uretse iki gikorwa, kuri uyu munsi kandi mu Karere ka Rubavu hakinwe imikino yahuje amashuri abanza n'ayisumbuye. Amakipe yitabiriye ni Lycée Notre Damme d'Afrique de Nyundo, GS Sanzare, EP Kayanza na EP Noel. Aya makipe y'ibigo by'amashuri yagiye ahura hagati yayo ubundi harebwa ikipe yatsinze imikino myinshi.

Imikino yose ikaba yarabereye ku kibuga cya Petit Seminaire de Nyundo. Mu mashuri yisumbuye mu bahungu, ikipe ya GS Sanzare ni yo yegukanye igikombe naho mu bakobwa cyegukanwa na Lycée Notre Damme d'Afrique de Nyundo. Mu mashuri abanza, ikipe EP Kayanza ni yo yegukanye igikombe mu bahungu naho mu bakobwa cyegukanwa na EP Noel.

Ibi bigo 4 by'amashuri ni byo byatangirijwemo umukino wa Cricket mu Karere ka Rubavu muri Gashyantare 2020.





Manizabayo Eric yegukanye shampiyona ya 2022

Taliki 2 na 3 Nyakanga 2022, Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ryateguye shampiyona y'igihugu aho yabaye mu byiciro bibiri birimo gusiganwa n'igihe umukinnyi ku giti cye "Individual Time Trial" ndetse no gusiganwa mu muhanda "Road Race".

Nyuma yo gutwara shampiyona mu ngimbi mu 2017, Manizabayo Eric ukunira Benediction Ignite yakozwe amateka anatwara n'iy'abakuru nyuma y'imyaka itanu aho yakoresheje amasaha 3, iminota 16 n'amasegonda 12 ku ntera ya kilometero 128,8.

Abasiganwa mu bagabo bahagurutse i Kanyinya banyura i Gicumbi bagaruka mu muhanda ujya i Kigali basoreza i Gasanze mu karere ka Gasabo.

Ni isiganwa ryafashe isura nyayo ubwo bari bageze mu musozi wa Itetero, umusozi wa "Hors Categorie" maze Manizabayo Eric aragenda, Munyaneza Didier ukunira Protouch na Uwiduhaye (Benediction Ignite) bashatse kumukurikira igikundi kirabagarura.

Habura kilometero 10 ngo basoze isiganwa, Manizabayo yasigaga igikundi kimukurikiye iminota 4 n'amasegonda 42. Manizabayo Eric yahise yegukanye shampiyona y'abakuru basiganwa mu muhanda. Uwizemimana Bonaventure ni we waherukaga kwambara uyu mwambaro uriho idarapo ry'u Rwanda yatwaye mu 2019. Shampiyona ya 2020 na 2021 ntiyakinwe kubera COVID-19.

Mu bagore, Ingabire Diane (Benediction Club) wari watwaye shampiyona yo gusiganwa umuntu ku giti cye yanegukanye iyo mu muhanda aho yakoresheje amasaha 2, iminota 52 n'amasegonda 22 ku ntera ya kilometero 89,6 aho bahagurutse Base baca ku musozi wa Itetero n'i Gicumbi basoreza na bo i Gasanze. Ingabire asimbuye Nzayisenga Valentine waherukaga gutwara iri rushanwa mu 2019.

Mu batarengeje imyaka 23, Iradukunda Emmanuel wa Nyabihu Cycling Team yabaye uwa kabiri muri rusange n'uwa mbere mu batarengeje imyaka 23 akoresheje amasaha 3, iminota 17 n'amasegonda 45 ku ntera ya kilometero 128,8. Iradukunda asimbuye Ruberwa Jean de Damascene nawe wakuniraga Nyabihu Cycling Team waritwaye 2019.

Mu ngimbi, Shyaka Janvier yegukanye umwanya wa mbere akoresheje amasaha 2, iminota 38 n'amasegonda 37 ku ntera ya kilometero 89.6 aho yahagerereye rimwe na bagenzi be batandatu. Gahemba Barnabe niwe wari waritwaye mu 2019.

Nyuma yo gutwara umwanya wa mbere mu gusiganwa umuntu ku giti cye, Umwamikazi Djazilla wa Les Amis Sportifs yanatwaye isiganwa ryo mu muhanda akoresheje amasaha 2, iminota 53 n'amasegonda 7 ku ntera ya kilometero 89.6 ahagerera rimwe na Uwera Aline (Bugesera Cycling Team).

Munyaneza yegukanye shampiyona basiganwa umuntu ku giti cye

Munyaneza Didier ukunira Protouch yo muri Afurika y'Epfo niwe wegukanye shampiyona y'u Rwanda yo gusiganwa umuntu ku giti cye mu Bugesera aho yakoresheje iminota 44 n'amasegonda 43 ku ntera ya kilometero 34 asimburira Areruya Joseph wari watsinze iyo mu 2019.

Areruya Joseph wari wayegukanye mu 2019 ntiyitabiriye kuko ari kubarizwa muri Martinique.

Mu bagore, Ingabire Diane yakoresheje iminota 23 n'amasegonda 46 ku ntera ya kilometero 26 asimburira Mukashema Josiane wari wabaye uwa mbere mu 2019.

Mu basore batarengeje imyaka 23, Kagibwami Suayibu yabaye uwa mbere akoresheje iminota 43, amasegonda 36 ku ntera ya kilometero 34 asimburira Mugisha Samuel wari wabaye uwa mbere mu 2019.

Tuyizere Hashimu yakoresheje iminota 19 n'amasegonda 33 ku ntera ya kilometero 24 aba uwa mbere mu ngimbi. Habimana Jean Eric niwe wari ufite uyu mwambaro wa 2019.

Mwamikazi Djazilla yabaye uwa mbere mu bangavu akoresheje iminota 23 n'amasegonda 20 ku ntera ya kilometero 26.



RWANDA
Olympic rings logo



commonwealth
games
RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org

www.olympicrwanda.org/commonwealth

Email: cnosr@olympicrwanda.org |     @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave